REPUBULIKA Y’U RWANDA

# RAPORO Y’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY’INGANDA MU RWANDA

MUTARAMA 2025

IKIGO CY’IGIHUGU CY’IBARURISHAMIBARE MU RWANDA (NISR)

**RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA**

**MUTARAMA 2025**

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,6% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 1,7%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 5,5%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,8% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 1 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicurizwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 0,5%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | | | | | | | | 2025 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 19,0 | 13,9 | 13,4 | 10,0 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 17,8 | 12,8 | 11,2 | 7,0 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 |
| Ibyoherezwa hanze | 22,4 | 16,8 | 18,9 | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 0,4 | -4,4 | -0,5 | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 0,1 | -4,6 | -1,3 | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 |
| Ibyoherezwa hanze | 0,9 | -4,1 | 1,3 | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda ishyirwa hanze buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

*© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda /PPI Mutarama 2025*

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Mutarama 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 0,6%, ugereranyije na Mutarama 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 0,6% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye n'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,1%.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,8%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Mutarama 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byagabanutseho 1,7% ugereranyije na Mutarama 2024. Ibi byatewe ahanini n'igabanuka rya 2,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byazamutseho 1%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Mutarama 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 5,5% ugereranyije na Mutarama 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 15,6% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi n'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byamanutseho 3%.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 0,5%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 0,7% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi ndetse n'izamuka rya 0,3% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

**<u>Ku bindi bisobanuro:</u>**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw